# ESE BIREMEWE GUSIBA KUWA GATANDATU?

**Ibun Uthaymin Allah amugirire impuhwe yaravuze ati:**

Bimenyekane ko gusiba umunsi wo kuwa gatandatu bifite uburyo bwinshi:

- **UBURYO BWA MBERE:**

Ni ukuba umunsi wa gatandatu, uri mu gihe abantu bategetswe gusiba nko muri Ramadhan, cyangwa uri kwishyura, cyangwa nko kuba ari igisibo cy'icyiru, cyangwa akaba ari igisibo cyiri mu mwanya w'igitambo cya Hijjah ya Tamattu'i, n'ibindi nk'ibyo, icyo gihe ntacyo bitwaye gusiba uyu munsi igihe atawuhariye icyo gisibo kubushake wizera ko ufite akarusho.

- **UBURYO BWA KABIRI:**

Ni ukuba yasiba umunsi w'idjuma (kuwa gatanu) mbere yawo, ntacyo bitwaye; Kubera ko ntumwa y'Imana (Swallallahu alayhi wasallama) yabwiye umwe muri ba mama b'abemera (ubwo yari) yasibye umunsi w'idjuma iti: Ese ejo hashize warasibye? aravuga ati: hoya, iramubaza iti: Ese uzasiba ejo? aravuga ati: hoya, iramubwira iti: (siburuka).

Imvugo ye igira iti: "Ese uzasiba ejo", ni gihamya igaragaza ko byemewe kuwusiba (umunsi wa gatandatu) uri kumwe n'uwa gatanu.

- **UBURYO BWA GATATU:**

Kuba umunsi wa gatandatu wahurirana n'umunsi wagenwe n'idini kuwusiba, nk'iminsi itatu y'umyeru (Beidwa), umunsi wa Arafat, umunsi wa Ashuuraa, iminsi itandatu yo mu kwezi kwa Shawwaal k'uwasibye Ramadhan, n'iminsi icumi mu kwezi kwa Dhul-hijjah, (nabwo) ntacyo bitwaye.

Kuko ntabwo aba yawusibye kubera ko ari kuwa gatandatu, ahubwo (aba ari) ukubera ko uri mu minsi yagenwe n'idini kuyisiba.

- **UBURYO BWA KANE:**

Kuba umunsi wa gatandatu wahurirana n'akamenyero k'umuntu, nk'akamenyero k'usiba umunsi, agasiburuka undi, uko gusiba kwe bigahuririrana n'umunsi wa gatandatu, (nabwo) ntacyo bitwaye, nk'uko Intumwa y'Imana (Swallallahu alayhi wasallama), ubwo yabuzaga kubanziriza Ramadhan gusiba umunsi umwe cyangwa iminsi ibiri yavuze iti: "Uretse umuntu wari usanzwe asiba igisibo runaka (cy'umugereka) ajye awusiba."

N'uyu ameze nk'uwo.

- **UBURYO BWA GATANU:**

Ni ukuba waharira umunsi wa gatandatu, igisibo cy'umugereka, ukawusiba wonyine, ibi nibyo bibujijwe,....

[Maj'muu Al-Fataawa Ibun Uthaymin: 20/57]